RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Kigali on, 18/06/2020
Ref.No: DIS/ 1203 /RwandaFDA/2020

**Abaranguza Inzoga (Bose)**
**Abadandaza inzoga (Bose)**
**Abaturarwanda**

Bwana/Madamu

**Impamvu: Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa inzoga bita BONNE CHANCE (Ginger Flavoured Alcoholic Drink) YIGANYWE ifunze mu amacupa ya pulasitike.**

Hashingiwe ku itegeko No 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA) cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 igika cya 13. Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti (Rwanda FDA) gihereye kubugenzuzi cyakozwe gifatanije nizindi nzego aho ikinyobwa cyavuzwe haruguru cyasanzwe gikorwa n'uruganda rutabifitiye uburenganzira kandi rukara rwigana icyinyobwa gikorwa n'uruganda rwitwa AGASUSURUTSO Ltd , ikindi nuko urwo ruganda rwakoraga muburyo butujuje ubuziranenge. Muri iryo genzura uruganda rwarafunzwe nibinyobwa biramenwa, Rwanda FDA ihagaritse ikwirakwizwa, igurishwa ndetse no kunywa icyo cyinyobwa cyavuzwe haruguru.

| AMAZINA | IZINA RY'URUGANDA RWANDITSE KU ICUPA |
|---|---|
| **BONNE CHANCE (Ginger Flavoured Alcoholic Drink)** (Ifunze muri pulasitike) | AGASUSURUTSO Ltd |

**Icyo dusaba gukora**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti (Rwanda FDA) kirasaba:

1. Abagurishaga (abadandazaga) iyo nzoga yavuzwe hejuru, haba mu tubari no mu ma butike guhagarika kuyicuruza ndetse bakayisubiza aho bayiranguriye,
2. Abaturarwanda bose kutongera kunywa iyi nzoga ipfunyitswe mu macupa ya pulasitike.

**Icyitonderwa:** Abantu bashaka gusaba ubusobanuro ndetse no kuduha amakuru bahamagara kuri **0789193529**

Amafoto yerekana ishusho y'iyi nzoga ari kuri paji ikurikira.

**Dr. Charles KARANGWA**
**Ag. Director General**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

**Ikinyobwa cya BONNE CHANCE (Gifunze muri pulasitike) cyahagaritswe ku isoko.**

